

Irlande



An Roinn Dlí agus Cirt,
Gnóthaí Baile agus Imirce
Department of Justice,
Home Affairs and Migration



IBYO UGOMBA KUMENYA KU BIYANYE NA EURODAC



KINYARWANDA

➤ KUBERA IKI MPABWA AKA GATABO?

Uhabwa aka gatabo kubera ko amakuru yawe y'ibimenyetso by'ubuzima agomba gufatwa n'ingeze z'ubuyobozi



Amakuru y'ibimenyetso by'ubuzima bisobanura ibikumwe n'ifoto yawe.



Aya makuru, hamwe n'andi makuru akuranga ndetse n'andi makuru afite aho ahuriye n'iki kibazo, azoherezwa mu ikusanyirizo r'amakuru rya Eurodac.

Uburenganzira bwawe mu gihe cy'iyi gahunda n'ibyo utegerejweho byasobanuwe muri aka gatabo.

➤ EURODAC NI IKI?

Eurodac ni ikusanyirizo ry'amakuru ribika kandi rikagereranya amakuru ku byiciro bimwe na bimwe by'abantu binjira mu bihugu bya EU+. Ibi byiciro byasobanuwe muri aka gatabo.

Iri kusanyirizo ry'amakuru rikoresheya n'ibihugu 31 bya EU+ bishobora gutunganya amakuru yawe no kugera ku makuru yawe. Niba utembera mu kindi gihugu cya EU+ nta ruhushya ubifitiye maze amakuru yawe akongera gufatwa, amakuru yawe yose ari muri Eurodac azabonwa n'inzego z'ubuyobozi z'icyo gihugu. Mu bihe bimwe, amakuru yawe azavugururwa hakoreshejwe andi makuru mashya.

➤ IBIHUGU BYA EU+ NI IBIHE?

Ubu uri mu Irilande, kikaba ari igihugu cya EU+.

Ibihugu bya EU+ ni:



ibihugu 27 Bigize Umuryango w'Ubumwe bw'Ibihugu by'Uburayi (European Union, EU): Buligariya, Danemarike, Esipanye, Esitoniya, Finilande, Hongiriyi, Korowasiya, Lativiya, Ligitamburu, Lituweniya, Malita, Otorishe, Polonye, Porutigali, Repubulika Irilande, Cekiya, Rumaniya, Shipure, Silovakiya, Siloveniya, Suwede, Ububiligi, Ubudage, Ubufaransa, Ubugereki, Ubuholandi, Ubutaliyani n'



ibindi bihugu 4: Isilande, Lisensiteyine, Noruveje, Ubusuwisi.

➤ INTEGO YA EURODAC NI IYIHE?

Eurodac ifite intego eshanu z'ingenzi:

- ✔ gufasha ibihugu bya EU+ gufata ibyemezo ku gihugu gishinzwe gusuzuma ubusabe bw'uburinzi mpuzamahanga
- ✔ gufasha gukurikirana abimukira bakurikiza amategeko n'abadakurikiza amategeko baja mu bihugu bya EU+
- ✔ gusangiza amakuruhagati y'inzego z'ubuyobozi bw'ibihugu no gukumira ibyaha n'iterabwoba
- ✔ gukora ku buryo abana binjira mu Burayi bashobora gukurikiranwa bakamenyekana kandi bakarengerwa
- ✔ gukora ku buryo amakusanyirizo y'amakuru y'Uburayi aba arimo ibintu nka viza akora neza.



➤ NI AMAKURU YA BA NDE ABIKWA MURI EURODAC?

Eurodac ibamo amakuru y'abantu batari abanyagihugu b'igihugu cya EU+:

- ✔ basabye uburinzi mpuzamahanga
- ✔ bambutse umupaka w'igihugu cya EU+ nta ruhushya bafite
- ✔ bajyanwe mu gihugu cya EU+ nyuma yo kurokorwa mu nyanja
- ✔ baba mu gihugu cya EU+ mu buryo butemewe n'amategeko
- ✔ bageze mu gihugu cya EU+ banyuze muri porogaramu ya EU yo gutuza abantu cyangwa y'ubutabazi cyangwa porogaramu y'igihugu yo gutuza abantu
- ✔ bahawe uburinzi bw'agateganyo

➤ NI NDE USHOBORA KUBONA AMAKURU YANJYE?

Inzego z'ubuyobozi z'igihugu zishinzwe ubuhungiro mu gihugu cya EU+ zizafata amakuru y'ubuzima bwawe kandi ziyohereze, hamwe n'andi makuru akenewe, Eurodac kandi zihabwe igisubizo cy'igereranya.

EU Agency for Law Enforcement Cooperation (Ikigo cy'Uburayi Gishinzwe Ubufatanye mu by'Umutekano) na polisi y'igihugu bashobora gusaba kwinjira muri Eurodac hagamijwe gukumira, bavumbure kandi bakore ubucukumbuzi ku byaha bikomeye n'iterabwoba. Bashobora gushakashaka amakuru yawe muri Eurodac.

! INGENZI! Inzego z'ubuyobozi zo mu gihugu ukomokamo ntabwo zizabasha kugera kuri aya makuru.

➤ BIGENDA BITE NIBA NANZE GUTANGA IBIKUMWE BYANJYE?



Utegetswe n'amategeko gutanga amakuru y'ibikumwe byawe.

Hari impamvu z'ingenzi zituma ibikumwe byawe bikenerwa. Niba warasabye ubuhungiro, iyi ni intambwe ya ngombwa muri iyi gahunda.

Amakuru y'ibikumwe ashobora kandi gufasha gushaka abagize umuryango baba mu bihugu bya EU+.

Niba imitwe y'intoki zawe yarangiritse, ibikumwe bizongera gugatwa mu gihe kizaza.

Niba wangije ibikumwe bwawe ku bushake, hazabaho ingaruka mbi.

Nk'urugero, niba warakoze ubusabe by'ubuhungiro, gahunda ishobora guhagarikwa.

Niba gahunda ihagaritswe mu bikureba, ibi bisobanura ko utagifatwa n'usaba (ubuhungiro). Uzatakaza uburenganzira bwose bufitanye isano n'iyi sitati, ubuho mu gihe kizaza.

Inzego z'ubuyobozi z'ibihugu bya EU+ zishobora gukoresha ingufu nk'uburyo bwa nyuma bwo kubona amakuru y'ubuzima bwawe. Zishobora kandi kugufunga, nk'ingamba ya nyuma yifashishwa, kugira ngo zigene cyangwa zihamye umwirondoro wawe.

Niba wanze guha inzego z'ubuyobozi zo muri iki gihugu amakuru y'ibikumwe byawe, hazabaho ingaruka mbi zihariye.

Kwanga gutanga amakuru y'ibikumwe byawe ku bayobozi bo muri iki gihugu ni impamvu y'uko ibiro Mpuzamahanga Bishinzwe Kurengera Amakuru bikuraho ubusabe bwawe bwo kurengera mpuzamahanga mu buryo butaziguye.

UBURENGANZIRA BWANJYE BUREBANA N'AMAKURU YA EURODAC NI UBUHE?

Buri gihugu cya EU+ gifite urwego rw'ubuyobozi bgenzura imikoreshereze y'amakuru. Ufite uburenganzira bwo kuvugisha umugenzuzi w'amakuru n'umukozi ushinze kurinda amakuru no gusaba kugera ku makuru abitswe muri Eurodac.

Ushobora gusaba ko amakuru yawe akosorwa niba wumva ko:

- atari yo kandi agomba gukosorwa
- atuzuye kandi agomba kuvugururwa

Ushobora gusaba ko amakuru yawe asibwa niba wumva

- yarinjijwe muri Eurodac mu buryo butemewe n'amategeko.

Ushobora kubona amakuru y'itumanaho y'umugenzuzi w'amakuru n'umukozi ushinze kurinda amakuru ku ipaje ya nyuma y'aka gatabo, ifite umutwe witwa **'andi makuru y'ingirakamaro'**.

Niba wifuza gutanga ikirego ku mikoreshereze y'amakuru yawe, ushobora kuvugisha ikigo cy'igihugu gishinzwe igenzura.

Ushobora kubona amakuru y'itumanaho y'ikigo cy'igihugu gishinzwe igenzura ku ipaje ya nyuma y'aka gatabo.

ANDI MAKURU Y'INGIRAKAMARO

AMAKURU KU MAKURU Y'ITUMANAHU Y'IBIRO BY'UMUGENZUZI W'AMAKURU

Aha hasi ushobora kuhasanga amakuru ku buryo bwo kuvugisha ibiro by'umugenzuzi w'amakuru n'umukozi ushinze kurinda amakuru muri iki gihugu.

Umugenzuzi w'amakuru ashobora kukumenyesha ibijyanye n'amakuru yawe yabitswe muri Eurodac. Niba amakuru yawe bwite atabitswe neza, ushobora gusaba ko aya makuru akosorwa.

Niba wumva amakuru yawe ayo ari yo yose yarakoreshejwe mu buryo butemewe n'amategeko ushobora gusaba ko aya makuru asibwa ukoresheje amakuru y'itumanaho ari aha hasi.

Amakuru y'umugenzuzi w'amakuru ni: International Protection Office, Immigration Service Delivery, 79-83 Lower Mount Street, Dublin 2, D02 ND99, cyangwa contact@ipo.gov.ie

AMAKURU KU BURENGANZIRA KU NGINGO Y'AMAKURU

Muri iki gihugu, ufite uburenganzira bwihariye bukurikira burebana n'imikoreshereze y'amakuru bwite yawe.

Amakuru arambuye yerekeye uburenganzira bwawe bwo kurengera amakuru aboneka muri Minisiteri y'Ubutabera, Politiki yo Kurengera Imbere mu Gihugu n'Imyumukira iboneka kuri <https://assets.gov.ie/static/documents/department-of-justice-data-protection-policy.pdf> Ushobora kuvugana n'Umukozi Ushinzwe Kurengera Amakuru muri Minisiteri y'Ubutabera, Imbere mu Gihugu n'Imyumukira ukoresheje imeri kuri: dataprotectioncompliance@justice.ie

AMAKURU KU MAKURU Y'ITUMANAHU Y'IBIGO BY'IBIHUGU BIGENZURA AMAKURU

Ushobora gukoresha amakuru ari aha hasi kugira ngo uvugishe ikigo cy'igihugu kigenzura amakuru muri iki gihugu.

Ushobora gutanga ikirego mu kigo cy'igihugu gishinzwe ubugenzuzi niba wumva ko amakuru bwite yawe ayo ari yo yose yarakoreshejwe mu buryo butemewe n'amategeko.

Amakuru arambuye ya Komisiyo Ishinzwe Kurengera Amakuru ni: 6 Pembroke Row, Dublin 2, D02 X963 cyangwa ushobora kuvugana nabo kuri interineti kuri <https://forms.dataprotection.ie/contact>



An Roinn Dlí agus Cirt,
Gnóthai Baile agus Imirce
Department of Justice,
Home Affairs and Migration

Aka gatabo kagamije gutanga amakuru gusa. Ubwako ntikarema uburenganzira cyangwa inshingano. Ikigo cy'Umuryango w'Ibihugu by'Ubumwe bw'Uburayi Gishinzwe Ubuhungiro (European Union Agency for Asylum, EUAA) cyatanze igice cy'ingenzi cy'iyi nyandiko, kandi gucapurura no guhindura aka gatabo byemerwa na EUAA gusa ku Bihugu Binyamuryango bya EU. EUAA ntabwo yemera uruhare cyangwa uburyozwe ubwo ari bwo bwose ku birebana n'ukuri, ibikubiyemo, kwuzura, kubahiriza amategeko cyangwa kwizerwa kw'amakuru ari muri aka gatabo yatanze n'Ibihugu Binyamuryango by'Ubumwe bw'Uburayi cyangwa n'undi muntu ubishinzwe. Yaba EUAA cyangwa umuntu uwo ari we wese ukora mu izina rya EUAA abazwa imikoreshereze ishobora gukorwa ku makuru aboneka muri aka gatabo.

© European Union Agency for Asylum (Ikigo cy'Umuryango w'Ibihugu by'Ubumwe bw'Uburayi Gishinzwe Ubuhungiro), 2025